MISA YO GUSOZA YUBILE Y'IMYAKA IJANA Y'UBUSASERIDOTI MURI DIYOSEZYI YA NYUNDO

Tariki 11Ugushyingo 2017 muri Diyosezi ya Nyundo habaye umunsi mukuru wo gusoza Yubile y'imyaka ijna y'ubusaseridoti ku rwego rwa Diyosezi. Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,Umushuma wa Diyosezi ya NYUNDO, yahisemo ko uwo munsi uhimbarizwa muri Paruwasi ya MURUNDA; kuko Paruwasi ya MURUNDA ifitanye amateka akomeye n'Abasaseridoti bambere b'Abanyarwanda.

Uretse abasaseridoti bose ba Diyosezi ya Nyundo bari batumiwe hari n'Ababyeyi babyaye abapadiri bahagarariye abandi muri buri Paruwasi; hatumirwa n'abafurere b'Abayozefiti, kuko Furere Oswald watangiranye n'abapadiri b'Abanyarwanda hano i Murunda yakomotsweho n'Abayozefiti dufite ubu. Hatumiwe kandi n'Abayobozi banyuranye mu nzego bwite za Leta.

Ubutumwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,Umushumba wa Diyosezi ya NYUNDO yageneye abari baje muri uwo munsi mukuru:

Basaseridoti, Bihayimana, Babyeyi mwahaye Kiliziya Intore z'Imana, Bakristu,Bavandimwe,Kristu Yezu akuzwe. Kuri uyu munsi twateraniye ahangaha, kugirango dufatanye gusoza iyi Yubile y'imyaka ijana tubonye Abasaseridoti ba mbere b'Abanyarwanda, mbifurije kugira umunsi mwiza w'ibyishimo.

Koko rero, Bavandimwe,twateraniye ahangaha muri iyi Paruwasi ya Murunda kera yitwaga Misiyoni ya Murunda,turi Abasaseridoti ba Diyosezi yacu ya NYUNDO, kugira ngo twifatanye na bamwe mu babyeyi bahagarariye abandi benshi, babyaye abasaseridoti, kugira ngo kandi twifatanye n'abafureri bo mu muryango w'Abayozefiti,abayobozi bo mu nzego z'aka Karere ka Rutsiro turimo, namwe Bakristu Bavandimwe kubera ko abo basaseridoti bambere aribo Donat REBERAHO na GAFUKU Balthazar bagiranye n'iyi Paruwasi ya Murunda amateka yihariye. Niyo mpamvu twahisemo gusoreza iyi Yubile hano I Murunda kugirango turusheho kubatekereza.

Munyihanganire ngire bimwe mvuga byabaranze mu buzima bwabo bwa gisaseridoti kugirango turusheho ku bumva neza no kugira ibyo twabigiraho,ndavuga cyane cyane twebwe abasaseridoti kuko abo bakuru bacu, bagomba kutubera urugero n'urumuri muri iyi nzira y'ubusaseridoti

batubanjirijemo. Reka mbanze nibutse ko abo bapadiri Donat Reberaho na Balthazar Gafuku,bahawe ubupadiri ku itariki ya 7 Ukwakira 1917, imyaka ijana irashize. Bakimara guhabwa ubusaseridoti boherejwe mu i Seminari ntoya kurera barumuna babo b'abaseminari mu iseminari nto ya Kabgayi.' Ntibyateye kabiri nyuma y'imyaka ibiri gusa,Umwepisikopi w'icyo gihe n'abajyanama be babona ko abo bapadiri bombi uko ari babiri,bafite ubushobozi bwo kuba bajya kuyobora Misiyoni bari bonyine bitaringombwa ko bayoborwa n'umupadiri w'umuzungu. Uko bari barateye intambwe ntagereranywa yo kuba abapadiri ba mbere b'abanyarwanda muri ibyo bihe ubukristu bwari butarakomera cyane mu Rwanda, ni nako bateye indi ntambwe na none ntagereranywa yo guhabwa kuyobora Misiyoni bari bonyine.

Iyo Misiyoni bahawe ni iyi ngiyi turimo, ya Murunda, ubu yitwa Paruwasi ya MURUNDA. Bayijemo, Padiri mukuru ari Donati Reberaho,yungirijwe na Padiri Gafuku Balthazar, ndetse bakanafashwa n'umufurere wa mbere w'Umuyozefiti Oswalidi Rwandenzi. Aha nakwibutsa ko ubutumwa bwa Padiri Donat na Balthazar na Oswalidi muri aka kanage butari bworoshye icyo gihe. Abanyarwanda baje kwigisha Ivanjili bene wabo babanyarwanda bari bataracengera neza amahame y'Ukwemera. Ntibyari byoroshye. Ariko amateka atwereka ko baje bafite umurava wo kwitangira ubutumwa bwabo ntabwoba kuko bazi uwo bemeye,kandi bizeye imbaraga bazahabwa na Nyagasani, kandi koko niko byagenze.

Batubwira ko Padiri Donat yari Umupadiri uzwiho kumenya kwigisha neza cyane, akamenya kubona ingero nziza zifatika zafashaga buri wese kumva amahame y'ukwemera. Amateka atubwirako abo bapadiri baraje bakora ubutumwa bwabo bageza aho bumvikana muri bene wabo kurusha abo basimbuye. Ngo bakimara kuhagera , muri ya minsi nyabutatu ya Pasika (Tridum Pascal), abanyakanage bashyize hasi amacumu yabo bakaza kwitegura Pasika. Ibyo ngo byatangaje cyane abazungu kuko bo ngo byari byarabagoye guhindura bamwe mu Banyakanage. Ngo abantu benshi bakundaga kwibera mu ishyamba rya Gishwati batangira kujya barisohokamo buhoro buhoro begera Misiyoni bavuga bati ya Mana babapadiri bigisha umenya ari Yo koko, ni Yo Mana y'ukuri.

Ngo abo bapadiri bari abantu bihatiraga gusura abakristu ku misozi,bakabatega amatwi,bakabaha igihe cyabo batareba ngo ighe cyabashiranye nk'uko bishobora kutugendekera muri iyi minsi. Bahaga igihe cyabo abakristu bakabisanzuraho.

Bakaba abantu bitwararika, ntibiyandarike,bakubahiriza za gahunda zabo,bakarangwa n'isengesho, ari nako baritoza abakristu babo. Bakundaga kwiyambaza Bikira Mariya, Umubyeyi wa Kiliziya kandi bakamukundisha n'abakristu. Muri uko kumwiyambaza Padiri Donat yamuhimbiye indirimbo na nubu tugikoresha: **Nzasanga Mariya mu bwami bw'Ijuru ni we niringiye niwe tuzabana.** Ngo bakundaga gutanga isakramentu rya penetensiya bigana urugero rwiza rwa Mutagatifu Johani Mariya Vianney Padiri Mukuru wa Arsi. Ngo bari abantu bakunda iterambere ry'abakristu, kuko mu gihe gito bamaze muri iyi Misiyoni ya Murunda,bari bamaze gushyiraho ibibeho birenga 20 byafashaga abaturage kwiga gusoma no kwandika. Hari byinshi umuntu yavuga kuri izo ntwari ariko reka ngaruke ku masomo matagatifu nayo yatweretse umusaseridoti uwo ari we n'icyo ahamagarirwa.

Mu isomo rya mbere ryo mu gitabo cy'Iyimukamisiri (Iyim 29, 1-10), twumvise uko umuntu ahinduka umuherezabitambo, uko Aroni n'abahungu be bahawe inshingano zo kuba abaherezabitambo, n'imihango inyuranye bakorerwaho mbere yo gutangira imirimo Uhoraho yari yarabatoreye. Iri somo riratwibutsa uko umusaseridoti atorwa n'imihango imukorerwaho mu Isakramentu ry'ubusaseridoti. Isomo rya kabiri ryo mu ibaruwa yandikiwe Ababebureyi (Heb.5,1-10), ryatwibukije ko umuherezabitambo mukuru wese atorwa mu bantu kandi agashyirirwaho gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana. Ashinzwe guhereza amaturo n'ibitambo bihongerera ibyaha. Isomo ryakomeje ritwereka ko ntawiha ubwe icyo cyubahiro, ahubwo gihabwa uwo Imana ibihamagariye kimwe na Aroni. Muri make iri somo ryatwibukije uko umusaseridoti atorwa n'inshingano ahabwa n'uko agomba kuzirangiza. Ivanjili ya Yohani (Yh 15,1-10), yongeye ku twibutsa uko tugomba kuba amashami y'umuzabibu w'ukuri ari wo Yezu Kristu.

Igihe cyose tuzumva ko turi amashami ashamikiye kuri Yezu Kristu, tuzabasha kurangiza neza inshingano zacu z'ubusaseridoti, tuzabasha kuba babakristu barangwa n'ukwemera kutajegajega. Yezu abitubwira neza muri aya magambo numva ahiniyemo byose. Aratubwira ati:«Nimube rero muri njyewe nanjye mbe muri mwe. Uko ishami ridashobora kwera imbuto kubwaryo ritari ku muzabibu, namwe niko mutakwera mutandimo. Jye ndi umuzabibu mwe mukaba amashami. Uba rero muri njye , nanjye nkaba muri we yera imbuto nyinshi; koko tutari kumwe ntacyo mwashobora. Utaba muri jye azajugunywa nk'ishami ritera, maze yumagane..., Igihesha Data ikuzo ni uko

mwakwera imbuto nyinshi, mukaba n'abigishwa banjye.» (Yh15,4-8) Basaseridoti, Bakristu Bavandimwe, aya magambo ya Yezu Kristu tujye tuyazirikana kenshi. Arimo impanuro nziza zafasha buri wese kurangiza neza inshingano imana yamuhamagariye, yaba umusaseridoti, yaba uwihayimana, yaba umukristu wese muri rusange,twese duhamagariwe guhesha Imana ikuzo twera imbuto nziza kandi nyinshi, kandi turushaho kuba abigishwa ba Yezu kristu.

Ubwo muri Diyosezi yacu dushoje Yubile y'imyaka ijana tubonye abapadiri bambere b'abanyarwanda, reka nsoze nibutsa bimwe mu bigomab kuranga umusaseridoti w'ukuri.

***Umusaseridoti mwiza ubereye Kiliziya**,agomba kuba umuhamya w'amahoro n'ibyishimo.*

Umusaseridoti mwiza ubereye Kiliziya,agomba kuba umubyeyi w'abantu bose. Koko rero bavandimwe umusaseridoti kimwe n'Abrahamu sogokuruza w'abemera bose, ni umubyeyi w'ubushyo yaragijwe n'imbaga yose abasha kugeraho.

Umusaseridoti mwiza ubereye Kiliziya, agomba kuba Umuhuza w'Imana n'abantu. By'umwihariko mu Rwanda rwacu, umusaseridoti twifuza, ni Umuhamya w'ukwemera mu muco nyarwanda, nk'uko abakurambere bacu nka Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys Bigirumwami na Musenyeri Alexis Kagame babiharaniye. Koko rero tuzi ko Musenyeri Aloys Bigirumwami kimwe n'abandi benshi bakuru bacu babaye urugero rw'umusaseridoti w'i Rwanda tugomba kwigana.

Umusaseridoti mwiza ubereye Kiliziya ni Umusaseridoti wita ku iterambere ry'abo ashinzwe. Kuko iterambere rya Roho niry'umubiri ari indatana.

Ibi byose narondoye n'ibindi ntavuze,Umusaseridoti azabigeraho abikesha gukunda isengesho,*kumenya kwiyubaha no kubaha abandi,akamenya ko afite aho agarukira, akamenya gukorana n'abandi, akiyumvisha ko Atari wenyine. Ibyo azabigeraho yiyumvisha ko ari umuntu wahamagawe, umuntu uhorana ibyishimo by'umutima kandi akaba umunyamahoro. Umuntu uzi gutega amatwi nk'uko nababwiye ko ari byo byarangaga Padiri Donat Reberaho na Gafuku Balthazar. Ibyo azabigeraho ari uko ahora yizera ububasha n'ubudahangarwa by'Ijambo ry'Imana. Umuntu utigandira kwigisha Ijambo ry'Imana, umuntu utigandira gutagatifurisha amasakramentu abakristu,umuntu umenya kuyobora neza abo ashinzwe. Muri make hari uwavuze ati: kubona umusaseridoti ubwabyo byakagombye kudufasha kubona Imana.*

Bakristu mwese muteraniye hano, mbahamagariye kujya musabira abapadiri kugirango barangize neza umurimo ukomeye Imana yabatoreye kandi nibutsa ko ubusaseridoti ari umuhamagaro mwiza mwakomeza gutoza urubyiruko rwacu.

Reka nsoreze kuri iri sengesho ryo gusabira Abapadiri:

Mana ishaka ko abantu bakwemera kugira ngo bakire,turakwinginga;ohereza abapadiri bigishe abantu bawe Inkuru Nziza,babatagatifuze babayobore mu nzira y'ukwemera. Amahanga yose amenye ko ari Wowe Mana nyakuri bamenye n'uwo wohereje Umwana wawe Yezu Kristu. Nyagasani,turasabira Abapadiri bose ngo bagukunde, bagukundishe abantu,maze nibarangiza ku gutunganyiriza mu nsi bazaze kubana n'Intumwa zawe mu Ijuru.

Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

Umufurere Mukuru yagaragaje ibyishimo bye muri iyi Yubile nk'uwihayimana:

Ni ibyishimo kuri twese twagize amahirwe yo kwizihiza ibi birori byo guhimbaza Yubile y'imyaka ijana, abana b'u Rwanda bitabye karame ijwi ry'Imana, ribahamagarira kuyiyegurira no gukora mu muzabibu wayo nk'abapadiri!

Natwe twese rero nk'Abiyeguriyimana muri rusange,tukaba tunejejwe n'uko mu guhimbaza iyi Yubile y'ubupadiri, duhimbarizamo ingabire y'indashyikirwa yo **KWIYEGURIRIMANA**; Imana yahaye Kiliziya yayo ngo iyibere umutako, kandi

igaragarize bose hano ku isi nk'ikimenyetso, imiterere y'ubuzima bw'ahazaza (La Vie Consacrée est signe de la vie eschatoloque), binyuze mu mibereho isa n'iyaYezu, ishingiye ku nama z'Ivanjili: Ukwikenesha, Kudashaka no Kwumvira, byose mu buzima bwa kivandimwe. Abayozefiti tukaba tunejejwe kandi dutewe ishema no kongera guhimbariza ibi byishimo i Murunda, aho imfura y'umuryango wacu **Frère Oswald,** hamwe n'abapadiri bambere b'abanyarwanda,yagaragarije ubutwari bwo gushobora ibyo benshi mu b'igihe cye, abari batarabyumva bafataga nk'amahano, ubugoryi, kuko kudashaka icyo gihe byari uguca umuryango!

Koko rero batubwira ko nawe atatangiye wenyine, ariko ko bagenzi be babiri bananiwe bagataha, maze we agakomeza kandi akajya avugurura amasezerano ye buri mwaka kugeza igihe Imana imuhamagariye, nyuma y'imyaka icumi, agikomeye ku mugambi we kandi arangiza neza ubutumwa bwe! Dore ko ari nabyo (ndavuga ubwo Bupfura, uko kubaho mu bunyangamugayo,abereye abandi nk'itara rimurika),byabaye impamvu nyamukuru yakuruye abamukurikiye, abo muzi, mwumva kandi mubona nk'ABAYOZEFITI b'ubungubu!

Kuba rero turi hano i Murunda duhimbaza Yubile, kuri twe nk'Abayozefiti, ni umwanya ukomeye wo gushimira Imana no kuyisingiza kuko yatwimenyesheje, ikadutora, ikadutuma. Nicyo **Frère Oswald** atwibutsa! Ni umwanya kandi wo kuzirikana kumateka yacu,dufata ingamba zihamye zijyanye n'umuhamagaro wacu ndetse n'ubutumwa bigendana, kurugero rwa **Frère Oswald**,warinze yitaba Imana adateshutse kuntego ye! Dore ko ahanini ari nayo ntego nyamukuru ya Yubile! Yubile ni umwanya wo gusubiza amaso inyuma, kwisuzuma no kwisubiraho, kwivugurura no gufata ingamba nshya zo kurushaho,gukora neza ibidasanzwe mu buryo busanzwe!

Amateka ya **Frère Oswald** ntabwo azwi cyane, ariko iby'ingenzi birazwi! Koko rero batubwira ko abamukurikiye mu kwihimana mu Bayozefiti baje bagira bati : « Turifuza kuba Abafurere nka Furere Oswald » ! Ni uko bari baranyuzwe !!

Twavuga rero ko nk'uko Balthazar GAFUKU na Donat REBERAHO babaye **IMFURA** z'abana b'u Rwanda mu Busaseridoti, ari nako **Frère Oswald** yababereye« **RUBIMBURIRANGABO »** mu Kwiyeguririmana, dore ko n'ubwo

havugwa ko itangira ry'umuryango w'ABAYOZEFITI ryabaye « mu 1929 na Musenyeri CLASSE, byari ugusubukura no kuzuza umushinga w'ishingwa ry'umuryango w'ABAYOZEFITI (Frères Josephites) wari watangiwe na Musenyeri Hirth mu 1912 », hamwe na Oswald nyine !Ndahamya ko iyo myaka yose yashize byari ukugira ngo huzuzwe ibyanditswe ngo : «Imbuto y'ingano iyo itaguye mu gitaka ngo ihugute, ikomeza kuba yonyine ; naho iyo ihuguse, yera imbuto nyinshi ! » (Jn 12, 24) ! Uwo ni Oswald, yarahuguse igihe cy'imyaka 17, imbuto yeze, ni umuryango w'**ABAYOZEFITI**, muzi mu bikorwa by'iyogezabutumwa rinyuze cyane cyane mu burezi, mu mashuri hirya no hino mu Rwanda, ndetse no hanze yarwo !

K'ubw'umwihariko turayishimira ko imbuto yabibye muri Murunda zeze izindi nyinshi ! **ABAYOZEFITI** bakaba baragiriye umugisha muri **Frère Oswald** wabaye hano kandi akahaba nk'Uwiyeguriyimana koko, none iyi paruwasi ikaba imaze guha umuryango w'abayozefiti intore zayo zibereye Imana na Kiliziya yayo, zigera kuri 14 (abo ni abo tuzi), kuva kuwakoze amasezerano yambere muri 1935,kugeza ku uzayakora ejobundi kuri 16 ukuboza uyumwaka! Sinshidikanya ko no mu yindi Miryango ari uko! Yabaye rero umusemburo w'ubukirisitu n'Ukwiyeguririmana bihamye, byashinze imizi hano i Murunda n'ahandi hose.

Nyiricyubahiro Munsenyeri Umushumba wacu, ndagira ngo mbashimire ko mwadusangije kuri ibi birori! Imana ibahe umugisha mwinshi mujye mugira uwo muduha n'uwo musigarana, iwuhe imbaga yose ya Diocèse muyoboye, maze ibikorwa byayo biteze imbere ubutumwa bwayo bw'icungurwa rya Muntu.

Ndashimira abanya Murunda, urugwiro bakiranye abakurambere bacu n'ubutumwa bwiza bari babazaniye, n'ubwo bitari byoroshye kubwumva. Mwese rero Imana ibagirire neza kandi amahoro n'umugisha byayo bibane na buri wese!

Aba ni Abafurere bari batumiwe bo mu Muryango w'Abayozefiti bakikije Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo.

Mu ijambo rye umubyeyi uhagarariye abandi yatangaje ibyishimo aterwa no kubona yarashyingiye Kiliziya, by'umwihariko agashyingira Imana yamuhaye byose. Yakomeje ashimira abasaseridoti uko abona bitangira abantu ntagihembo ati 'Imana izabahemba mwe nimukore ibyo mushoboye mugendana na Yezu Kristu muri Kiliziya ye ibindi muzabihabwaho umugereka'. Yashoje ijambo rye ashimira Umwepisikopi wabatekerejeho nabo nk'ababyeyi; ashimira Imana yo idahwema kwigaragaza mu bo yitoreye ngo bayibere abahamya.

Asoza uwo munsi mukuru, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, mu ijambo rye yatangiye ashimira Abasaseridoti ba Diyosezi ya NYUNDO, uko baje gusoza Yubile, ashimira ababyeyi bose bashyingiye Kiliziya. Yakomeje avuga nanone ibigwi byaranze abasaseridoti twavuzeho cyane muri iyi Yubile Ari bo Donat REBERAHO na GAFUKU Balthazar, ashishikariza abasaseridoti bari aho gufata urugero rwiza badusgiye mu buzima bwabo bwa Gisaseridoti.

Yarangije yifuza ko ababyeyi bakomeza gutanga uburere bwiza ku bana babo bityo Kiliziya na sosiyete nyarwanda ikabona abasaseridoti benshi kandi beza. Yakomeje avuga ko abarezi bafite umurimo ukomeye wo kwigisha abana b'abanyarwanda ku gira ngo koko abana bakure bafite ubwenge ariko bumurikiwe n'Ivanjili. Kuko ubwenge bw'umuntu bushobora kubura icyerekezo iyo butamurikiwe n'Ivanjili. Yaboneyeho guhamagarira abarimu kongera umwete mu kwigisha Iyobokaman mu mashuri. Yarangije yifuriza buri wese Yubile Nziza no gukomera ku muhamagaro Imana yamugeneye akora icyo ashinzwe kandi aharanira gutanga urugero rwiza.

Padiri Jean Marie KWIZERA